



IHURIRO RYATANGIJE ICYICIRO CYA 20 CY'AMASOMO AHABWA URUBYIRUKO RWO MU MITWE YA POLITIKI / YOUTH POLITICAL LEADERSHIP ACADEMY (YPLA)



Tariki ya 29 Mutarama 2024, Ihuriro ry'Ighugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryatangije icyiciro cya 20 cy'amasomo ahabwa urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki (Youth Political Leadership Academy). Aya masomo yatabirwa n'urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki igize Ihuriro; akaba agamije

1. Kubaka ubushobozi bw'urubyiruko rwo mu mitwe ya politiki;
2. Kurutegurira kujya mu myanya y'ubuyobozi mu Mitwe ya politiki rubarizwamo no kuyifasha gutera imbere;
3. Kurwongerera ubumenyi n'ubushobozi birufasha kugira uruhare mu miyoborere n'iterambere ry'ighugu.

Kuri buri cyiciro, buri Mutwe wa Politiki uhagararirwa n'abasore n'in-kumi bane (4), batarengeje imyaka 30, bakaba biga cyangwa barangije Amasomo ya Kaminuza.



Atangiza icyiciro cya 20 cy'aya masomo, Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, **Bwana GISAGARA**

Théoneste, yashimiye Imitwe ya Politiki yose ko yohereje urubyiruko rwayo kwitabira aya masomo ndetse ashimira n'urwo rubyiruko ko rwemeye kuyitabira. Yavuze ko ari amasomo y'ingirakamaro yiganjemo ubumenyi buzabafasha gutera imbere mu mwuga wa politiki biyemeje gu-

kora. Yavuze ko aya masomo akorwa ku rwego rw'Umujyi wa Kigali, ndetse no mu Ntara zose. Icyiciro cya 20 kikaba kizabera mu Mujyi wa Kigali no mu Ntara y'Iburasirazuba, aho azitaribwa n'urubyiruko 88 bose hamwe (44 mu Mujyi wa Kigali, na 44 mu Ntara y'Iburasirazuba).

Muri iri shuri, urubyiruko rwiga amasomo anyuranye yibanda ku bumenyi bw'ibanze muri politiki; amateka ya politiki y'u Rwanda; ishingwa n'imiyoborere by'umutwe wa politiki, imiyoborere myiza na Gahunda za Leta; ihiganwa muri politiki; gutambutsa ubutumwa bwa politiki, n'andi anyuranye. Uru rubyiruko kandi ruhabwa ibiganiro kuri gahunda za Leta, nk'Amahame Remezo u Rwanda rugenderaho, Ndi Umunyarwanda; Imiyoborere y'u Rwanda Twifuza; Guhangam umurimo no gu-teza imbere ibikorerwa mu Rwanda; Ingamba za Leta zo gukumira no kurwanya ibiyobyabwenge. Aya masomo atangwa n'abarimu n'abashakashatsi muri za Kaminuza, kimwe n'abayobozi mu Nzego za Leta. Kuva aya masomo yatangira mu mwaka wa 2010, urubyiruko rwize muri iri shuri rusaga 1360, rugizwe na 50.4% b'igitsina gabu naho ab'igitsina gore bakaba 49,6%.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa, Amahugurwa yatangijwe n'U-muvugizi w'Ihuriro ry'Ighugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yashishikarije uru rubyiruko kuzakurikira neza aya masomo bakazayungukiramo ubumenyi buzabafasha gutera imbere mu mwuga wa politiki, bagasobanukirwa uruhare rwabo mu buzima bw'Ighugu, bakazirkana ko ari bo bayobozi b'ejo hazaza, ko kandi bakwiye kwitegura izo nshingano bafite ubumenyi bukwiye.

Icyiciro cya 20 cy'aya masomo cyatangiye tariki ya 29 Mutarama 2024 kikazasozia tariki ya 20 Mata 2024, aho uru rubyiruko ru-zasura Ingoro y'Amateka y'urugamba rwo guhagarika Jenoside, rukanasura Urwibutso rwa Jenoside rwa Rebero, ahashyinguye bamwe mu banyapoliti-ki bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

IHURIRO RYAHUGUYE ABAYOBOZI B'URUGAGA RW'ABAGORE BO MU MITWE YA POLITIKI KU MYITEGURO N'IMIGENDEKERE Y'AMATORA ATEGANIJWE MURI 2024



Tariki ya 10 - 11 Gashyantare 2024 Mu ntara y'Amajyepfo, kuri Hotel Boni Consilii, ku bufatanye bw'Umuryango UNDP ishami ry'u Rwanda n'Ihuriro ry'Ighugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki bateguye amahurwa agenewe abayobozi b'urugaga rw'abagore bo mu mitwe ya politiki, akaba yaribanzie ku "Imyiteguro n'imigen-dekere y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abagize Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'abadepite azaba muri Nyakanga 2024." Aya mahugurwa yatabiriwe n'abagore 87 baturutse mu turere 8 tugize Intara y'Amajyepfo.

Amahugurwa yatangijwe n'U-muvugizi w'Ihuriro ry'Ighugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki



ki, **Depite Nizeyimana Pie**. Mu ijambu rye, yashimiye abayitabiriye n'Imitwe ya Politiki yabohereje. Yasobanuye ko agamije kubaka ubushobozi bw'abagore bari mu nze- go z'ubuyobozi bw'Umutwe wa Politiki kugira ngo bitabire kujya mu myanya ifatirwamo ibyemezo mu Mitwe ya Politiki babarizwamo by'umwiha-riko, mu gihe twitegura amatora ya Perezida wa Repubulika

n'ay'Abagize Inteko Ishinga Amategeko umutwe w'abadepite. Ati "Abagore bagize urugaga rushamikiye ku Mutwe wa Politiki bakeneye gusobanukirwa imyiteguro n'imigendekere y'ayo matora kugira ngo bazabashe kuyagiramo uruhare." Yakomeje abibutsa ko u Rwanda rwimakaje ihame ry'uburiganire nka rimwe mu mahame ndengerwaho ateganyijwe mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda. Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanya-politiki, buri gihe, Umutwe wa Politiki ugomba kugaragaramo uburiganire n'ubwuzuzanye bw'abagabo n'abagore haba mu gushaka abayoboke, gushyiraho inzego z'ubuyobozi, mu mikorere no mu bi-korwa byayo. Burri Mutwe wa Politiki ugomba kugira abagore mu myanya y'inzego zifatitwamo ibyemezo bangana nibura na 30%. Yasoje ijambo rye ashimira ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku iterambere (UNDP) ku bufatanye rikomeza kugirana n'Ihuriro mu gutegura aya mahugurwa.

Bimwe mu biganiro byatanzwe birimo: Ikiganiro ku "**Imyiteguro n'Imigendekere y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abagize Umutwe w'Abadepite azaba muri Nyakanga 2024**", cyatanzwe na **Nduwimana Pacifique**, Umukozi wa



Komisiyo y'Ighigu y'Amatora (NEC). Yasobanuye impamu zatumye amatora ya Perezida wa Repubulika ahuzwa n'ay'Abadepite ko ari ukugabanya ingengo y'imari, ku gabanya umwanya amatora atwara ndetse no kugabanya ibikorwa byo guhoza abaturage mu matora buri mwaka.

Ikiganiro cya kabiri cyatanzwe na **Madamu Nyiraneza Speciose**, cyibanze ku "**Uruhare rw'umugore mu**



migendekere y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abagize Umutwe w'Abadepite ateganyijwe muri 2024". Muri iki kiganiro, abagore basobanuriwe uburyo ibikorwa byo kwiyamamaza bigenda kugira ngo umuntu azagire abamushyigikira bazamutora. Abari mu mahugurwa bakoze imyitozo ngiro y'uburyo umuntu yiayamamaza imbere y'abo ashakaho amajwi.

Amahugurwa nk'aya, yakomereje mu Ntara y'Iburasirazuba ku matariki ya 17 – 18 Gashyantare 2024; akaba yaritabiriwe n'abayobozi 74 b'urugaga rw'abagore bo mu mitwe ya politiki baturutse mu turere 7 tugize iyo Ntarra. Biteganyijwe ko aya mahugurwa azasorezwa mu Mujyi wa Kigali ku matariki ya 23-24 Werurwe 2024. ■